9/6/88

RAPORO Y'INAMA YO KUWA 9 KAMENA 1988

1. Abali mu nama : - Abakozi ba Direction Générale ya Jeunesse

2. Ibyali ku murongo w'ibyigwa

- Kwigira hamwe ubulyo Selire yagoboka abagize ibyago kubera imvura nyinshi muli uyu mwaka wa 1988.
- Ibibazo binyuranye

3. Uko inama yagenze

Inama yatangiye saa cyenda za nimugoroba iyoborwa na Milita MUNYEMBARAGA Narcisse, Directeur Général wa Jeunesse.
Yabanje kwibutsa ko gufasha bisanzwe mu muco wa Kinyarwanda, akaba yizera ko abali mu nama bali bumugezeho ibitekerezo byiza yageza nawe kuli Ministre nkuko yabyifuje mu nama yo kuwa 8 KAMENA 1988.
Directeur Général yasobanuliye abali mu nama ko ibyo byago byateye muli za Perefegitura za RUHENGERI, GISENYI, KIBUYE, GITARAMA na GIKONGORO. Abagiraneza n'Ibihugu by'inshuti bitabiliye gufasha abanyarwanda rugikubita. Leta yashyizeho Komisiyo igengwa na MINISAPASO ishinzwe guhuliza hamwe imfashanyo zose.

Nyuma y'ibyo bisobanuro, abali mu nama batanze ibitekerezo byinshi maze bagira imyanzuro bafatira icyo kibazo, babonerahe no kwiga n'ibindi binyuranye byali bishingiye kuli gahunda y'ubulyo imilyango y'urubyiruko yakwitabira gutabara abagize ibyago n'ubulyo hashyirwaho isanduku yo gufashanya (Caisse d'entraide) y'abakozi bagize Selire ya MIJEUCOOP.

4. Ibitekerezo byatanzwe

4.1. Ubulyo bwo gufasha abagize ibyago

- Gutanga imfashanyo ntibigomba kuba itegeko
- Umuntu atanga uko yifite
- Imfashanyo zatangwa hakulikijwe uko abakozi bagenda basumbana mu nzego
- Kugena umubare ntarengwa w'amafaranga buli wese yatanga
- Imfashanyo ntishingiye ku mafaranga gusa, ishobora no gutangwa mu bintu nk'imyenda, imyaka n'ibindi.
- Byaba byiza hatanzwe icyemezo cyerekana ko umuntu yatanze iyo mfashanyo kuko isigaye yakwa no muli za Segiteli
- Hagomba kubaho igihe ntarengwa imfashanyo izatangirwaho, byarangira abakozi bakamenyeshwa uko ingana.

4.2. Uruhali rw'imilyango y'Urubyiruko muli ubwo butabazi

- Kumenya gahunda y'ibyo MIJEUCOOP iteganya gukorana n'imilyango y'Urubyiruko mu gutabara abagize ibyago.
- Kwihutisha ibi bikulikira byemejwe n'inama y'abayobozi b'imilyango y'Urubyiruko:

.../...

- Guteganya Collecte izakorwa n'Urubyiruko
- Gukoresha za concerts na films
- Guhuza amakipe akomeye y'umupira w'amaguru
- Gukoresha ingando z'ibikorwa

4.3. <u>Isanduku yo gufashanya</u>

- Hagombye kubaho isanduku yo gufashanya muli Selire kuko yagilira akamaro abakozi nkuko byagaragaye mu zindi Ministeri nka MINIFOP, MINIPOSCO, ......
- Igitekerezo cya mutuelle kimaze igihe nkuko Ministre yabyibukije mu nama ya Animation. Ikibazo nuko abali bashinzwe kwiga uko yashyirwaho batabigejeje ku zindi Services bigakorwa na Direction Générale ya Mouvement Coopératif gusa. Kuki iyo sanduku yo gufashanya itaba iya Selire yose ? Niba byarananiranye, Direction Générale ya Jeunesse ntiyabikora ku rwego rwayo ?

5. <u>Ibisobanuro n'imyanzuro</u>

5.1. - Ku byerekeye gufasha abagize ibyago, abali mu nama, bamaze kubona ko imfashanyo zinyuranye zatera ibibazo byinshi (stockage, transport, produits perissables,...), bifuje ko hatangwa amafaranga gusa.
Ntabwo bibujijwe aliko uwaba afite ikindi kintu ko yagishikiliza service ya Assistance Sociale muli MINISAPASO.

- Hazatangwa amafaranga atali munsi y'ijana (100 FRW.), akaba ashobora kwongerwa bitewe n'ubushobozi, n'ubushake bw'umuntu ku giti cye.
- Amafaranga azashyikilizwa Diregiteli KURAZIKUBONE Joseph bitarenze taliki 30 KAMENA 1988 kuko icyo gihe abakozi bose bazaba barahembwe.
- Icyemezo cyerekana uwatanze imfashanyo kizatangwa kimwe nuko umubare rusange w'amafaranga yatanzwe uzamenyeshwa aba milita mu nama ya Selire.

5.2. - Ku byerekeye uruhare imilyango y'urubyiruko ishobora kugira mu gutabara abahuye n'ibyago, hatanzwe ibisobanuro bikulikira :

- Ministeri yahaye uburenganzira imilyango y'urubyiruko kugira ngo yige ubulyo ishobora kugira icyo yamalira izo mbabare. Ntigomba lero gupfukiranya initiatives z'iyo milyango ngo ikore mu mwanya wayo.
- Ibyifuzo byatanzwe n'inama yahuje abayobozi b'imilyango y'Urubyiruko kuli icyo kibazo biracyigwa n'inzego zibishinzwe.

5.3. - Ku byerekeye isanduku yo gufashanya, abali mu nama basanze icyo gitekerezo kimaze igihe kandi gishyigikiwe. Bamenyeshejwe ko Direction Générale ya Mouvement Coopératif ifite iyo sanduku muli iki gihe ilimo yiga ubulyo nabo mu zindi Services bayijyamo.

- Mu gihe igitekerezo cya mutualité kitali cya kwira muli Selire yose, Direction Générale ya Jeunesse yaba ishyizeho isanduku yayo yo gufashanya. Ibyo ntibyabuza abashaka kwiyandikisha muli mutualite yo muli Direction Général ya MOUCOOP ko babikora.

.../...

Inama yarangije imilimo yaye saa kumi n'igice za nimugoroba.

Umwanditsi :

NYABAGWENE Silas

Umuyobozi w'inama :

MUNYEMBARAGA Narcisse

Directeur Général.